Mennonite Church Eastern Canada

Ibituranga

Itorero rya Mennonite ryo mu burasirazuba bwa Kanada ni umuryango w'abantu bo mu moko atandukanye
Bahinduwe n'urukundo rw'Imana
Babwirijwe n'ibyiringiro dusanga muri Yesu
Bahamagariwe Umurimo n'imbaraga z'Umwuka Wera.

Twizera ko Imana ihamagarira Itorero rya Mennonite ryo mu burasirazuba bwa Kanada kuba itorero ry'aba Anabaptist Mennonite; umusangirangendo w'Itorero rya Mennonite rya Kanada n'ihuriro ry'aba Mennonite ku isi. Ni imigenzo y'amateka ikomeje ishimangira ibi: Yesu ni ishingiro ry'ukwemera kwacu; umuryango ni ishingiro ry'ubuzima bwacu; naho ubwiyunge bukaba ishingiro ry'imirimo yacu. Nk'umuryango w'amatorero, turashaka kwinjira mu butumwa bw'Imana ku isi, dushishikariza bose kwitabira impano y'urukundo y'Imana yigaragarije muri Yesu, nk'uko bisobanuye mu Byanditswe byera.

Intego

Duhuriye hamwe nk'itorero ryo mu karere tugamije:

- **Gutera umwete amatorero** mu gusenga, guhindura abantu abigishwa n'ubutumwa
- **Gushishikariza abayobozi** ibyiringiro, intumbero no guhinduka
- **Gukora umurimo w'Imana wunga** ibiremwa byose

Indangagaciro

Kuba abakundwa – Abantu bose barareshya imbere y'Imana kandi bafite agaciro, baremwe mu ishusho y'Imana.

Ibikorwa by'Umwuka – Guhimbaza no gusenga bitwinjiza mu rukundo rw'Imana, bikaduhuza n'imbaraga z'Umwuka.

Guhinduka – Dufite amatsiko yo kubona icyo Imana ikora mu buzima bwacu no mu isi. Twishimira impinduka.

Umuryango mugari – Turakura, tukiga, tukanakora neza dusabana n'abandi, twumvira hamwe Imana.

Kwakirana urugwiro – Umuntu wese aratumiwe ku meza y'ubuntu bw'Imana.

Amahoro n'ubutabera – Turi mu mahoro y'Imana ku byo yaremye byose.

Ibituranga, intego n'indangagaciro byacu bifatanya mu ntumbero dufite mu gihugu hose nk'Itorero rya Mennonite rya Kanada:

Imana iduhamagarira kuba abigishwa ba Yesu Kristo no, ku bw'imbaraga z'Umwuka wera, gukura nk'umuryango uhujwe n'ubuntu, umunezero n'amahoro kugira ngo ugukiza kw'Imana n'amizero bikwire ku isi binyuze muri twe.

Mennonite Church Eastern Canada

Ibyihutirwa muri 2022-2027

- **Kunyura mu mpinduka:** Gutoza umuco wo kwiga, guhanga udushya no guhuza n'ibikenewe kugira ngo itorero rigire ubushobozi bwo kunyura mu gihe cy'impinduka. Aha harimo gusuzuma uburyo bushya bwo gukurikira Yesu no kuba hamwe muri itorero.

- **Gutoza abayobozi:** Gukomeza ubuyobozi no kubaka ibyiringiro, guha abantu ubushobozi bwo gukurikira umuhamagaro wabo wo gushinga amatorero, umurimo wa gishumba n'ubuyobozi bw'abarayiki.

- **Guhindura abantu b'ingeri zose abigishwa:** Gukorana n'amatorero n'abasangirangendo mu murimo wo kubwiriza mu gushyigikira gahunda yo guhindura abantu b'ingeri zose abigishwa no kubaka ibyiringiro, no guha urubyiruko, ingimbi n'abangavu amahirwe mu bikorwa byo gutoza abayobozi.

- **Kwemera ibitandukanya abantu** Guhamagarira itorero no kurisaba gusuzuma ibyo abantu b'Imana batandukaniyeho n'ubukungu bwabo. Ibi bizasaba guhindura imitima, ibitekerezo, politiki n'imikorere byacu mu gihe turi mu muhamagaro wacu wo kuba itorero ry'abantu bo mu moko atandukanye, ridaheza kandi ryubakiye ku mico itandukanye.

- **Guharanira amahoro n'ubutabera:** Gutera ingabo mu bitugu amatorero mu gusobanura ibibazo by'amahoro n'ubutabera, bishingiye kuri tewolojiya ya Anabaptist-Mennonite. Kuri ubu icyibanzweho ni umubano hagati y'abasangwabutaka n'abakoroni, ibikorwa bijyanye n'ihindagurika ry'ikirere, kwimakaza umubano w'abantu b'imico itandukanye no kurandura ivanguramoko.